IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YATERANYE KUWA 21/12/2018

Hashingiwe ku biteganywa mu itegeko No 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage,

Hashingiwe kandi ku biteganywa mu iteka rya Minisitiri N0 004/07.01 ryo kuwa 18/09/2006 rishyiraho amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama, buri gihembwe Inama Njyanama y'Akarere igomba guterana,

Kuwa 21/12/2018 mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Gakenke hateraniye inama y'Inama Njyanama idasanzwe. Iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 34/36 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gakenke.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Kwakira indahiro z'abajyanama bashya
2. Amatora y'Umuyobozi Wungirije w'Inama Njyanama y'Akarere

Uko Inama yagenze :

INGINGO ZIZWE	IBITEKEREZO BYATANZWE	IMYANZURO
1. Kwakira indahiro z'abajyanama bashya	Nyuma y'uko Komisiyo y'Igihugu y'Amatora itangarije amazina y'abajyanama bashya batsinze amatora y'abagomba kujya muri Njyanama y'Akarere bagasimbura abatakirimo; aribo Madamu NDACYAYISENGA Scholastique na Madamu MUREKEYISONI Esther. Abagize Inama Njyanama bakurikiranye umuhango wo kurahiza abajyanama bashya mu ndahiro iteganijwe mu ngingo ya 61 y' Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu. Umuhango wayobowe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze nk'uko amategeko abiteganya, ruhagarariwe na Bwana MUNYAWERA Sophonie, Visi Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze afatanije MUSABYIMANA Henriette, Umwanditsi w'urwo rukiko.	1. **Indahiro ya Madamu NDACYAYISENGA Scholastique n'iya Madamu MUREKIYISONI Esther zakiriwe n'abagize Inama Njyanama y'akarere ka Gakenke**
2. Amatora y'Umuyobozi Wungirije wa Biro y'Inama Njyanama y'Akarere	Nyuma yo kugezwaho amabwiriza ajyanye n'uko igikorwa cyo gutora usimbura uwari Umuyobozi Wungirije wa Biro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gakenke ndetse no kwibutswa inshingano z'Umuyobozi wungirije wa Biro y'Inama Njyanama, hakurikiyeho igikorwa cyo kwiyamamariza uwo mwanya nyuma hakurikiraho amatora.	**Bwana SAFARI Wilson niwe watorewe kuba Umuyobozi Wungirije wa Biro y'Inama Njyanama akaba yahise atangira inshingano ze .**

Abakandida kuri uwo mwanya baruhanijwe ku buryo bukurikira:

N0	Amazina	Amajwi
1	**SAFARI Wilson**	**31/34**
2	NYIRANSENGIMANA Pelagie	2/34
3	IMFABUSA	1/34

Igikorwa cy'amatora cyayobowe n'Umuhuzabikorwa w'Ibikorwa by' Amatora muri Zone ya Gakenke na Rulindo Madame MUJAWAMARIYA Vestine afatanije na Bwana NTAMPAKA, umukorerabushake wa komisiyo y'Amatora mu Karere ka Gakenke .

Mbere yo gusoza imirimo y' inama, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gakenke yakiriye abajyanama bashya abaha ikaze mu Nama Njyanama y'Akarere, yakomeje ashimira Intumwa z'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze ku bwo bemeye kuza kuyobora umuhango wo kwakira indahiro z'abajyanama bashya, yashimiye kandi abajyanama ku gikorwa cy'amatora yo kuzuza Biro ya Njyanama y'Akarere yari imaze igihe kirenga amezi 2 bakora batuzuye. Yaboneyeho no kumenyesha abajyanama ko kuwa 30/12/2018 hateganijwe Inama Njyanama isanzwe y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka 2018/2019.

Umwanditsi w'Inama :

UWIHOREYE Clementine

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere

Umuyobozi w'Inama :

HITIMANA Télesphore

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gakenke